CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél. :** (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

**IJAMBO RYO KU MUNSI WO GUTANGIZA KU MUGARAGARO URUGENDO N'IMIHIMBAZO YA YUBILE Y'IMYAKA 125 IVANJILI IMAZE IGEZE MU RWANDA, KU WA 10 GASHYANTARE 2024, I KABGAYI**

---

| |
|---|
| Nyakubahwa Prezida wa Repubulika y'u Rwanda, |
| cg ........................................ Intumwa ya Prezida wa Repubulika muri ibi birori, |

Nyiricyubahiro Musenyeri Arnaldo Catalan Intumwa ya Papa mu Rwanda,

Bepiskopi bavandimwe dusangiye ubutumwa hano iwacu mu Rwanda,

Basaserdoti, Biyeguriyimana,

Bayobozi bakuru b'Igihugu cyacu muri hano,

Bakristu mwaje muhagarariye abandi bo muri za Diyosezi zose zo mu Rwanda

Batumirwa bahire, bakristu bavandimwe,

Nk'uko twebwe Abepiskopi banyu twabibararikiye dutangiza adventi ibaruwa ibashishikaza kugira ngo «***Twitegure guhimbaza imyaka 2025 y'ugucungurwa kwacu n'imyaka 125 Inkuru Nziza igeze mu Rwanda*** », kuri uyu munsi wa none twaje gutangiza ku mugaragaro urugendo rwo guhimbaza Yubile y'imyaka 125 ivanjili imaze igeze mu Rwanda.

Iyi Yubile ifite amateka maremare tuzagenda tugarukaho muri iyi myaka ikabakaba 2 yo gusubiza amaso inyuma tukareba aho tuvuye n'aho tugeze, tukamenye n'intege nke zagaragaye mu iyogezabutumwa no kongera guhamya ibirindiro mu kwemera ko Imana ituyobora ntacyo tuyibangikanyije na Yo!

Ku wa 15/09/1899 (Nzeri) ni bwo Nyiricyubahiro Musenyeri Yohani Yozefu HIRITI yakoze urugendo rugamije kugeza Ivanjili mu Rwanda. Yahagurutse i Kamoga ho muri Tanzaniya anyura Usumbura ho mu Burundi, ahingukira i Shangi ho mu Rwanda ku itariki 20/01/1900 (Mutarama) ari naho yaturiye Igitambo cya Misa cya mbere ku butaka bw'Igihugu cyacu.

Ku itariki 02/02/1900 (Gashyantare) ni ho yakiriwe n'Umwami w'u Rwanda, YUHI V MUSINGA. Nyuma yaho yasubiye ku Cyicaro cye muri Tanzaniya anyuze mu Gisaka asiga mu Rwanda abari bamuherekeje ngo bahite batangira ubutumwa bwo kugeza Ivanjili ku Banyarwanda. Abo ngabo ni Padiri Alphonse BRARD, Padiri Paul BARTHELEMY na Furere Anselme bakaba ari bo nyine batangije misiyoni ya SAVE ikaba iya mbere yashinzwe mu Rwanda ku wa 08/02/1900 (Gashtantare). SAVE yakurikiwe na ZAZA muri uwo mwaka nyine (01/11/1900). Mu mwaka ukurikiyeho (1901) havutse misiyoni ya NYUNDO, mu 1903 havuka missiyoni za RWAZA na MIBILIZI, mu 1906 havuka KABGAYI ikurikirwa na RULINDO na MURUNDA mu 1909 noneho mu 1910 havuka misiyoni ya KANSI. Bityo mu myaka 10 ya mbere y'iyamamazavanjili havutse missiyoni 8 mu bice binyuranye by'u Rwanda.

Abantu ba mbere 24 babatijwe mu 1903, Isakramentu ry'ugushyingirwa gutagatifu rihimbazwa bwa mbere mu 1904. Mu 1913 Seminari nto n'Inkuru zatangijwe i Kabgayi, hanyuma mu 1936 Seminari Nkuru yimukira mu Nyakibanda ngo ijye yakira n'abafaratiri ba Kongo n'u Burundi. Ku wa 07/10/1917 ni bwo abanyarwanda 2 bahawe isakramentu ry'ubusaserdoti i Kabgayi bakurikirwa n'ishingwa ry'Umuryango wa Benebikira mu 1919 n'uw'Abayozefiti mu 1929. Ku wa 10/11/1959, Papa Mutagatifu Yohani wa 23 ati: « ***Akabuto ka sinapisi*** *(Mt 13,32)* » nuko u Rwanda rutangira kugira inzego bwite z'ikenurabushyo. Nibwo Vikariyati za Kabgayi na Nyundo zahindutse Diyosezi, Misiyoni zihinduka Paruwasi. Amadiyosezi yakomeje kuvuka ni Ruhengeri mu 1960 na Butare mu 1961, Kibungo mu 1968 na Kigali mu 1976, Byumba na Cyangugu zashingiwe rimwe mu 1981 naho Gikongoro ivuka mu 1992. Turizera ndetse tugomba no kwitegura ko n'izindi zishobora kuzavuka kugira ngo turusheho kuba hafi imbaga y'Imana ifitiye inyota umukiro.

Birumvikana ko iyo ncamake y'amateka y'iyamamazavanjili mu Rwanda itari yoroshye ikaba ari nayo mpamvu dushimira cyane abamisiyoneri bitanze batizigama ngo bayigeze ku bantu benshi bashoboka mu gihe gito n'imbogamizi nyinshi bahuraga nazo. Turasabira Umuryango w'Abapadiri bera n'w'Ababikira bera, Abamisiyoneri b'Afrika batugejejeho Ivanjili bakanakomeza kutuba hafi uko bashoboye kugeza n'uyu munsi tukaba tukiri kumwe.

U Rwanda rufite amahirwe adasanzwe rw'uko Yubile yarwo ikunze guhura n'iya Kiliziya y'isi yose bigatuma duhimbazanya Umwaka mutagatifu n'abo dusangiye ukwemera bose. Iyi Yubile y'imyaka 125 rero ihuriranye na Yubile y'imyaka 2025 isi imaze yakiriye Umucunguzi, Yezu Kristu wigize umuntu ngo aturokore icyitwa ikibi cyose aho cyaturuka hose.

Nk'uko kandi mu mwaka w'2000 twizihije yubile y'imyaka 100 Ivanjili igeze mu Rwanda twakoze sinodi igafasha abakristu kwisuzuma no kwicuza kubera jenoside yakorewe abatutsi, bakiyemeza kwitandukanya n'amacakubiri cyane cyane ashingiye ku bwoko, ni ko n'uyu mwaka ari mahire kuko turi mu rugendo rwa Sinodi yo kurushaho kunga ubumwe nk'abavandimwe kugira ngo dufatanye ubutumwa mu bwitange. Bityo rero, iyi Yubile na Sinodi biraduha amizero ahamye kuko bitwereka aho Kiliziya igana ihamya ukwemera, yamamaza umukiro benemuntu twese duhabwa n'Inkuru Nziza.

Ni yo mpamvu twahisemo iyi nsanganyamatsiko mwese mwabonye igira iti : «***Turangamire Kristu, Soko y'amizero, ubuvandimwe m'amahoro*** » (cf. Ef 2,11-22), tukaba kandi twabamenyesheje uburyo buri diyosezi izakira umuhimbazo ariko twese tubigizemo uruhare. Uyu munsi dutangirije urugendo i Kabgayi tukazarusoreza i Kigali ku wa 06/12/2025. Tuzahimaba amasakramentu 4, Batisimu n'Ukaristiya muri uyu mwaka turimo naho Ubusaserdoti n'Ugushyingirwa gutagatifu mu mwaka utaha w'2025. Tuzahimbaza kandi imbuto z'iyo Vanjili nyine mu mihamagaro inyuranye n'iyogezabutumwa ryihariye. Tuzakorana urugendo rwa Yubile ku buryo bwihariye n'Urubyiruko muri uyu mwaka, naho mu mwaka utaha, tuzahimbazanya Yubile n'abiyeguriyimana n'abalayiki.

Twahuriye hano rero ngo dushimire Imana itugirira impuhwe n'ubuntu ikatubabarira kandi ikadutoramo abayiha rwose mu nzira zayo zinyuranye ariko zikageza ku mukiro wuzuye. Dushimire cyane Abamisiyoneri b'Afuruka bashyize imbaraga mu gutegura abapadiri n'Abiyeguriyimana kugira ngo Kiliziya ishinge imizi, ikure mu Rwanda.

Koko rero Yubile ni ugusubiza amaso inyuma tukareba aho tuvuye n'ukuntu Imana yatubaniye neza, tukabona aho tugeze n'amahirwe dufite, bityo tugafatana urunana mu gutegura ejo hazaza dufite ukwizera n'umurava wo gukurikira Kristu tutiganda, kumukorera tutijana, kwamamaza Inkuru Nziza y'umukiro atanga dushize amanga!

Nagira ngo nshimire by'umwihariko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda wigomwe imirimo myinshi afite ku neza y'Abanyarwanda bose kugira ngo dusangire amizero yo kurushaho kwakira Ivanjili mu buzima bwacu bwite n'ubw'Igihugu cyacu muri uru rugendo rwa Yubile z'impurirane.

*Cg / watwoherereje Nyakubahwa ..... ngo amuhagararire muri iri tangizwa ry'urugendo rwa Yubile mu Rwanda tukaba tumwishimiye kandi na we tumushimira.*

*Turamusabira ngo Imana imuhunde ineza yayo kugira ngo abashe gusohoza inshingano Abanyarwanda tumutegerejeho cyane cyane kutuyobora mu butabera n'amahoro bisesuye, mu bumwe n'ubudaheranwa no mu iterambere rirambye kuri bose.*

Nyiricyubahiro Musenyeri Arnaldo CATALAN , Intumwa ya Papa mu Rwanda, turashimira cyane Nyirubutungane Papa Fransisko n'Ubuyobozi Bukuru bwa Kiliziya ku isi bukomeje kudushyigikira mu mugambi dufite wo kubana nk'abana b'Imana koko, turangwa n'ubuvandimwe n'amahoro tuvoma muri Yezu Kristu, We Soko y'amizero yacu. Turasaba Imana ngo ikomeze imutere imbaraga n'ibyishimo, ndetse inamuhembere ko aduhoza ku mutima nk'umubyeyi.

Banyacyubahiro mwese muteraniye hano, Bepiskopi, Bapadiri, Biyeguriyimana n'Imbaga y'abalayiki mwese mwitabiriye ubutumire bwa Kiliziya Gatolika mu Rwanda, mwese turabashimiye kuba mwaje ngo dutangirane uru rugendo rwa Yubile z'impurirane kandi twizeye ko tuzakomezanya uyu murava n'ubufatanye bishinze imizi mu kwemera kutajegajega. Uko dutangije uru rugendo ku mugaragaro i Kabgayi ni na ko turutangije mu madiyosezi yose y'u Rwanda

Tubifurije gukataza muri uru rugendo rw'amizero, ubuvandimwe n'amahoro dukesha Yezu Kristu, Umwami wacu n'Umukiza w'isi, Umugenga wa byose.

Ineza y'Imana ibahoreho mwese.

**† Antoine Card. KAMBANDA**

Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida
W'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda